**Izindi nyungu zihabwa Ikigo cy'Ishuri cyemeye gukoresha Smart Student Visit Management System.** Ikigo gihabwa uburenganzira bwo gukoresha ku buntu mu gihe cy'imyaka ibiri izindi systems zikurikira:

1. **Smart School Alumni System (SSAS), www.schoolalumni.rw**

Ni ikoranabuhanga rifasha ikigo cy'ishuri kwandika no kubika amakuru yose ajyanye n'abanyeshuri bahize, abakozi bahakoze ndetse n'ababyeyi baharereye n'abahareréra kugirango bakomeze gukurikirana ubuzima bw'ishuri, bamenye ibibazo cyangwa imbogamizi rifite kandi bagire uruhare mu iterambere ryaryo. Iri koranabuhanga rifasha ikigo cy'ishuri gusangiza abandi bantu ibibazo rifite (ibibazo bijyanye n'ibikorwaremezo bya sports, ibyumba by'amashuri bidahagije cyangwa byangiritse, ibibazo biri aho abana barara n'aho barira, abana baturuka mu miryango y'abakene bagorwa no kubona amafaranga yo gufata ifunguro ku ishuri muri gahunda ya school feeding , ikibazo cy'imodoka y'ikigo itagikora, ibibazo by'isomero, abana b'abakene batabona ibibafasha kwiga nka uniformes n'ibindi bikoresho by'ishuri). Abagize Alumni y'abanyeshuri n'abakozi bazajya bakurikirana ibi bibazo umunsi ku wundi babe batanga ubufasha cyangwa bashakira ishuri ubufasha mu bundi buryo. Ikigo cy'ishuri kandi kizajya gisangiza abagize alumni ibindi bikorwa binini (big events) byabereye ku ishuri birimo umunsi w'isabukuru y'ishuri, amarushanwa atandukanye, ibirori byo gusoza amasomo, umunsi wo kumurika ibikorwa by'ishuri, umunsi wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 n'ibindi kugirango abagize alumni babashe kubyitabira no kubitera inkunga . Iri koranabuhanga rizafasha kandi abandi bantu cyangwa ibigo bishobora gushaka gufasha ibigo by'amashuri biri aho bakorera kuko bazajya bamenya ku buryo bworoshye ibibazo bafite. **Urugero**: Uruganda rwa BRALIRWA rushobora gushaka kumenya ibigo by'amashuri biri mu Murenge ikoreramo bifite ikibazo cy'ibitabo, ikibazo cy'ibibuga byo gukiniraho n'ibindi. Umunyeshuri wize ku kigo cy'ishuri usigaye akora mu mushinga ufasha ashobora gukenera kumenya abana b'abakobwa mu Ntara bafite ikibazo cya uniforms akaba yabashakira ubufasha. Iri koranabuhanga kandi rizafasha abagize alumni gusubira mu bigo by'amashuri bizeho kugirango baganirize abana kugirango babigireho (inspiration)nabo bazabe ingirakamaro.

2. **Smart School System (SSS), www.schoolsinrwanda.rw**

Ni ikoranabuhanga rizafasha ikigo cy'ishuri kumenyekanisha ibyo kigisha (amashami gifite n'aho giherereye), ibyo gikora (ikigo cy'imyuga gikora ibitanda, kibaza inzugi, gikora imodoka,) ndetse n'udushya duhangwa umunsi ku munsi n'abanyeshuri n'abarimu.

Iri koranabuhanga rizafasha abantu bagorwaga no kumenya aho amashuri bashaka aherereye cyangwa ibigo by'amashuri bifite amashami bashaka ko abana babo biga. **Ingero** zifatika zirimo umunyamahanga ushaka kujyana umwana mu ishuri ry'incuke mu Murenge atuyemo aho byamusabaga kubaza abantu kandi ntabo baziranye, umunyarwanda ushaka kujyana umwana kwiga gusudira mu Karere adatuyemo bigasaba guhamagara ariko ubu iri koranabuhanga rizamufasha kumenya ibigo biri mu Murenge, Mu Karere no mu Ntara, kumenya ibigo byigenga n'ibya Leta ndetse no kumenya ibifite amashami akeneye ko umwana we yiga.

Ikigo cy'ishuri gisanzwe gikoresha **Smart Student Visit Management System** gishaka gukoresha izi systems kijya kuri www.smartstudentvisit.rw, kikareba hasi ahanditse **"Mushobora no gukoresha":**

- ✓ **www.schoolalumni.rw**
- ✓ **www.schoolsinrwanda.rw**